

**SRHR MESSAGES:**

**DIALOGUE 1 to 12**

TOPIC	MONOLOGUE MESSAGE	TEXT	DIALOGUE
<b>1. Puberty Management</b>	<p>Mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu, urubwiruko bashobora kumva bashaka gukora imibonano mpuzabitsina. Ibi ni ibisanzwe. Gushaka gukora imibonano mpuzabyitsina bishobora gutuma abahungu bashyukwa, abakobwa nabo bakagira ububobere mu gitsina. Ibi byiyumvo bishobora kuganisha ku myitwarire mibi iganisha mu kwishora mu mibonano mpuzabitsina igira ingaruka mbi ku ngimbi n'abangavu harimo gutwara inda utateguye, kwandura virusi itera SIDA n'izindi ndwara zifata imyanya ndangagitsina nk' imitezi, mburugu, trichomonasi nizindi, guhungabana, gukoresha ibiyobyabwenge no kugendera mu bigare. Ingimbi n'abangavu batangiyeye kugira ibyo byiyumvo, bakwiye kwifata kugira ngo birinde ingaruka zitandukanye ziterwa no gukora imibonano mpuzabitsina, kuwo byananiye</p>	<p>Mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu habaho ubushake bwo gukora imibonano mpuzabitsina, ni ngombwa kwifata, kugisha inama abakuru bizewe no kutishora mu ngeso mbi.</p>	<p><b>Mutesi:</b> Waramutse neza bro!</p> <p><b>Rugwiro:</b> Waramutse! Ariko we ko nsigaye nshyukwa cyane, byaba biterwa niki?</p> <p><b>Mutesi:</b> Sha simbizi pe, uziko nange nsigaye numva nshaka gukora imibonano mpuzabitsina we! Ahubwo tuzajye kubaza wa mugore ukora mu cyumba cy'urubwiruko.</p> <p><b>Rugwiro:</b> Uziko ari byo. Ahubwo se waretse tukajyayo nonaha we.</p> <p><b>Mutesi:</b> Tugende rwose!</p> <p><b>Mutesi:</b> Mwaramutse neza muga,</p> <p><b>Muganga:</b> Mwaramutse neza,</p>

	<p>agakoresha agakingirizo kugirango yirinde. Bakwiye no kubiganiriza abantu bakuru bizeye kugirango babafashe mu kubagira inama zitandukanye zibafasha kwirinda ibishuko no kutishora mu ngeso mbi.</p>		<p>tubahaye ikaze mu cyigo cy'urubyiruko. Tubafashe iki?</p> <p><b>Rugwiro:</b> Tuje kubasaba amakuru kuko nge na mushiki wange uyu, duhuje ikibazo cyo kumva dushaka gukora imibonano mpuzabitsina. Kandi rwose turacyari bato! Nge nsigaye nshyukwa kenshi rwose!</p> <p><b>Muganga:</b> Ese nibyoo!</p> <p><b>Mutesi:</b> Yego muga,</p> <p><b>Muganga:</b> Muhumure ibyo bibaho ko mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu urubyiruko rwumva rushaka gukora imibonano mpuzabitsina.</p> <p><b>Mutesi:</b> Yego turakumva! Ariko se sinumva ngo bituma umukobwa agira ikibuno kinini?</p> <p><b>Muganga:</b> Oya sibyo rwose!</p>
--	--	--	--

			<p>Gushaka gukora imibonano mpuzabitsina bishobora gutuma abahungu bashyukwa, abakobwa nabo bakagira ububobere mu gitsina.</p> <p>Ibi byiyumvo ariko bishobora kuganisha ku myitwarire mibi iganisha mu kwishora mu mibonano mpuzabitsina kandi igira ingaruka mbi ku ngimbi n'abangavu.</p> <p><b>Rugwiro:</b> Ubwo se izo ngaruka ni nkizihe?</p> <p><b>Muganga:</b> Harimo gutwara inda utateguye, kwandura virusi itera SIDA n'izindi ndwara zifata imyanya ndangagitsina nk' imitezi, mburugu, trichomonasi nizindi,</p> <p><b>Mutesi:</b> Uuuhm!</p> <p><b>Muganga:</b> Harimo kandi</p>
--	--	--	--

			<p>guhungabana, gukoresha ibiyobyabwenge no kugendera mu bigare.</p> <p><b>Mutesi:</b> Ubwo se iryo hungabana ryo riterwa niki muga?</p> <p><b>Muganga:</b> Ihungabana riterwa n' ububabare bw'imibonano mpuzabitsina ya mbere, gufatwa ku ngufu, kwicuza ibya kozwe n'ikimwaro cy'ibyababye.</p> <p><b>Rugwiro:</b> Ko numva bitoroshye ubwo twakwirinda dute izo ngaruka?</p> <p><b>Muganga:</b> Ingimbi n'abangavu batangiyeye kugira ibyo byiyumvo, bakwiye kwifata kugira ngo birinde ingaruka zitandukanye ziterwa no gukora imibonano mpuzabitsina,</p>
--	--	--	--

			<p><b>Mutesi:</b> Komeza utubwire tuguteza yombi.</p> <p><b>Muganga:</b> Uwo kwifata binaniye, akamenya ko gukoresha agakingirizo neza kandi igihe cyose ukoze imibonano mpuzabitsina, ari uburyo bwizewe burinda inda n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.</p> <p>Gusa ikiruta ibindi ni ukwifata igihe cyose utarashaka ugakomera ku busugi n'ubumanzi.</p> <p><b>Rugwiro:</b> Yego turakumva muga,</p> <p><b>Muganga:</b> Bakwiye no kubiganiriza abantu bakuru bizeye kugirango babafashe mu kubagira inama zitandukanye zibafasha kwirinda ibishuko no</p>
--	--	--	--

			<p>kwishora mu ngeso mbi.</p> <p><b>Mutesi:</b> Ndasobanukiwe noneho pe!</p> <p><b>Rugwiro:</b> Murakoze cyane rwose muga, nange ndasobanukiwe.</p> <p><b>Muganga:</b> Mwakoze namwe.</p>
<p><b>2. Menstrual cycle</b></p>	<p>Ukwezi k’umugore ni igihe kiri hagati y’umunsi wa mbere umugore yaboneyeho imihango n’umunsi wa mbere yongera kubonaho imihango y’ukwezi gukurikiraho. Ni yo mpamvu bavuga ko imihango ari ngarukakwezi. Ukwezi k’umugore gushobora kungana n’iminsi 28 ariko ishobora guhinduka kuva ku minsi 20 kugeza kuri 36. Iminsi igize ukwezi k’umugore ihinduka kubera impamvu zitandukanye harimo n’imiterere kamere ya buri muntu, imirire, indwara zikomeye umukobwa ashobora kuba yararwaye n’ibindi. Imihango ni amaraso asohoka mu gitsina cy’umugore buri kwezi igihe cyose hatabayeho gusama. Iyo hatabayeho ihura ry’intanga, intanga-ngore irapfa,</p>	<p>Ukwezi k’umugore ni igihe kiva ku munsi wa 1 w’imihango kugeza abonye iy’ukundi kwezi. Nyuma y’imihango, haba igihe cyo gusama, n’iminsi ibanziriza indi mihango</p>	<p><b>Mukamurigo:</b> Muraho! Ndifuzaga gusobanukirwa ibijyanye n’ukwezi k’umugore.</p> <p><b>Muganga:</b> Muraho namwe, nta kibazo rwose, icara nkusobanurire.</p> <p><b>Mukamurigo:</b> Nkuteze yombi,</p> <p><b>Muganga:</b> Ukwezi k’umugore ni igihe kiri hagati y’umunsi wa mbere umugore yaboneyeho imihango n’umunsi wa mbere yongera kubonaho imihango y’ukwezi gukurikira.</p> <p><b>Mukamurigo:</b> Yego ndakumva</p>

	<p>imisemburo nyababyeyi yari yakoze yo kwitegura igi nayo igatakaza agaciro bityo agahu ko mu nda ya nyababyeyi kagasaza kagatangira gusohoka mu mubiri kabaye amaraso, kanyuze mu gitsina. Ayo maraso asohoka niyo bita “imihango”. Igihe cy’imihango gikurikirwa n’igihe cy’uburumbuke, ari cyo gihe umugore ashobora gusama igihe cyose akoze imibonano mpuzabitsina idakingiye. Igihe cy’uburumbuke kigaragara hagati mu kwezi k’umugore nyuma y’ihagarara ry’imihango kandi hari n’ibindi bimenyetso umukobwa abona bimwerekana impinduka ziri kuba mu mubiri we. Muri izo mpinduka twavugaga nko kugira ururenda mu gitsina, kumva mu kiziba cy’inda haremereye cyangwa ububabare buterwa n’uko intanga ngore iba yakuze iri gusohoka mu gasabo k’intanga, igendagenda mu murerantanga yerekeza muri nyababyeyi. Nk’uko imyanyamyibarukiro y’umukobwa ibigaragaza, buri kwezi kamwe mu dusabo tw’intanga ngore karekura intanga ngore ikuze, igakora urugendo yegera nyababyeyi</p>		<p><b>Muganga:</b> Ni nayo mpamvu bavugaga ko imihango ari ngarukakwezi. Burya ukwezi k’umugore gushobora kugira iminsi 28, ariko ishobora guhinduka kuva ku minsi 20 kugeza kuri 36.</p> <p><b>Mukamurigo:</b> Ubwo se ihinduka byagenze bite?</p> <p><b>Muganga:</b> Iminsi igize ukwezi k’umugore ihinduka kubera impamvu zitandukanye harimo n’imiterere kamere ya buri muntu,</p> <p><b>Mukamurigo:</b> uuuhh!</p> <p><b>Muganga:</b> Imirire, indwara zikomeye umukobwa ashobora kuba yararwaye n’ibindi.</p> <p><b>Mukamurigo:</b> Ndakumva, ariko se ubundi imihango yo niki?</p> <p><b>Muganga:</b> Imihango ni amaraso</p>
--	--	--	--

	<p>aho ishobora guhura n'intanga-ngabo, bikavamo igi rizavamo umwana. Muri icyo gihe, nyababyeyi iba iri kwitegura kuzarera igi ndetse n'umwana, bityo imisemburo igakorwa ndetse ikiyegegeranya. Igihe cy'uburumbuke gikurikirwa n'iminsi itari iyo gusama ibanziriza imihango y'ukwezi k'umugore gukurikira</p>		<p>asohoka mu gitsina cy'umugore buri kwezi igihe cyose hatabayeho gusama.</p> <p><b>Mukamurigo:</b> uuuhh, ndakumva!</p> <p><b>Muganga:</b> Iyo hatabayeho ihura ry'intanga, intanga-ngore irapfa, imisemburo nyababyeyi yari yakoze yo kwitegura igi nayo igatakaza agaciro bityo agahu ko mu nda ya nyababyeyi kagasaza kagatangira gusohoka mu mubiri kabaye amaraso, kanyuze mu gitsina. Ayo maraso asohoka niyo bita "imihango".</p> <p><b>Mukamurigo:</b> Ubwo se hakurikiraho iki?</p> <p><b>Muganga:</b> Igihe cy'imihango gikurikirwa n'igihe cy'uburumbuke, ari cyo gihe umugore ashobora gusama</p>
--	---	--	---

			<p>igihe cyose akoze imibonano mpuzabitsina idakingiye.</p> <p><b>Mukamurigo:</b> Ubwo se igihe cy'uburumbuke wakibwirwa niki koko?</p> <p><b>Muganga:</b> Igihe cy'uburumbuke kigaragara hagati mu kwezi k'umugore nyuma y'ihagarara ry'imihango, kandi hari n'ibindi bimenyetso umukobwa abona bimwereka impinduka ziri kuba mu mubiri we.</p> <p><b>Mukamurigo:</b> Eeh! Ubwo izo mpinduka ni izihe?</p> <p><b>Muganga:</b> Muri izo mpinduka twavuga nko kugira ururenda mu gitsina, kumva mu kiziba cy'inda haremereye cyangwa ububabare buterwa n'uko intanga ngore iba yakuze iri</p>
--	--	--	--

			<p>gusohoka mu gasabo k'intanga, igendagenda mu murerantanga yerekeza muri nyababyeyi.</p> <p><b>Mukamurigo:</b> Ndakumva komeza umbwire rwose,</p> <p><b>Muganga:</b> Nk'uko imyanyamyibarukiro y'umukobwa ibigaragaza, buri kwezi kamwe mu dusabo tw'intanga ngore karekura intanga ngore ikuze, igakora urugendo yegera nyababyeyi aho ishobora guhura n'intangangabo, bikavamo igi rizavamo umwana.</p> <p><b>Mukamurigo:</b> Eeeh, ese burya ni uko bigenda!</p> <p><b>Muganga:</b> Muri icyo gihe rero, nyababyeyi iba iri kwitegura kuzarera igi ndetse n'umwana, bityo imisemburo igakorwa</p>
--	--	--	--

			<p>ndetse ikiyegeeranya.</p> <p><b>Mukamurigo:</b> Ndakumva, ariko se ubwo nyuma y'iminsi y'uburumbuke hakurikiraho iki?</p> <p><b>Muganga:</b> Igihe cy'uburumbuke gikurikirwa n'iminsi itari iyo gusama ibanziriza imihango y'ukwezi k'umugore gukurikira.</p> <p><b>Mukamurigo:</b> Yewee, urakoze cyane rwose ndasobanukiwe, byajyaga binyobera pe.</p> <p><b>Muganga:</b> Urakoze nawe!</p>
<p><b>3. Menstrual Hygiene</b></p>	<p>Umukobwa uri mu mihango agomba kwita kw'isuku yumubiri niyibikoresho akoresha igihe ari mu mihango. Agomba gukaraba kenshi, yibanda cyane ku gitsina, kugira ngo avaneho imihango iba yagiye imusigaraho. Ni ngombwa gukaraba ukoresheje amazi meza kandi ahagije n'isabune ariko ukirinda gushira isabune imbere mu gitsina. Nyuma yo gukaraba neza, ni byiza ko umukobwa uri mu mihango yambara neza</p>	<p>Mukobwa uri mu mihango ita ku isuku y'imyanya ndangagitsina .karaba nibura kabiri ku munsu. Ibuka kumesa ibikoresho ukoresha kenshi kandi ubyanike ku zuba.</p>	<p>DIALOGUE MESSAGE</p>

	<p>agatambaro gafite isuku cyangwa ibindi bikoresho byifashishwa bigamije gutangira no gufata imihango. Ni byiza guhindura agatambaro cg igikoresho cy'isuku hagati y'inshuro 3-4 ku munsu. Ku bakoresha Udutambaro dukoresha kenshi, bisaba kutumesa nyuma yo kudukoresha hifashishijwe amazi meza n'isabune, maze tukanikwa ku zuba kugira ngo twume neza kandi ntituzagire impumuro mbi, cyangwa gutera izindi ndwara ziterwa n'isuku nke zifata imyanya ndangagitsina.kugirango hirindwe indwara zifata imyanya ndangagitisna bitewe n'isuku nke. Kugirango hirindwe kubangamira abandi bitewe no kutagira isuku ikwiye. Gukaraba kenshi, no guhindura igikoresho cyisuku 3-4 kumunsi kwanika ku zuba</p>		
<p><b>4. Safe abortion</b></p>	<p>Gukuramo inda ntibyemewe kandi bihanwa namategeko yu Rwanda,ariko kugirango hirindwe impfu ziterwa no gukuramo inda mu buryo bwatera ibyago, igihe wiyemeje gukuramo inda, ifashishe ibigo</p>	<p>Gukuramo inda ntibyemewe kandi bihanwa namategeko y'u Rwanda, ariko kugirango hirindwe impfu ziterwa no gukuramo inda, egera ivuriro rikwegereye uhabwe ubufasha.</p>	<p><b>Uwamahoro:</b> Mwaramutse abaha!  <b>Nyiramanywa:</b> Mwaramutse! Ni amahoro se ko unzindukiye?  <b>Uwamahoro:</b> Ndeka wa mubyeyi we, amahoro yo ntayo pe iwange byacitse.  <b>Nyiramanywa:</b> Byagenze bite se</p>

	<p>byubuvuzi bigufashe hakurikijwe ibyo itegeko ry'u Rwanda riteganyanya mu buryo bukurikira:</p> <p>1° kuba umuntu utwite ari umwana (Munsi yimyaka 18)</p> <p>2° kuba usaba gukurirwamo inda yarakoreshejwe imibonano mpuzabitsina ku gahato;</p> <p>3° kuba usaba gukurirwamo inda yarayitwaye nyuma yo kubanishwa ku gahato n'undi nk'umugore n'umugabo;</p> <p>4. kuba usaba gukurirwamo inda yarayitewe n'uwo bafitanye isano ya hafi kugera ku gisanira cya kabiri;</p> <p>5° kuba inda ibangamiye ubuzima bw'utwite cyangwa ubw'umwana atwite.</p> <p>Umuntu wese uri mu byiciro byavuzwe akaba ashaka gukuramo inda, Uretse mu gihe inda ibangamiye ubuzima bw'utwite cyangwa ubw'umwana atwite, inda ikurwamo igomba kuba itarengeje ibyumweru makumyabiri na bibiri 22.</p>		<p>kandi?</p> <p><b>Uwamahoro:</b> Doree, wa mukobwa wange nendaga gushyingira ngo aratwite, kandi ngo si iyo uwo mugabo bagiye kubana. Urabyumva rero ko igomba kuvamo, sinakira urwo rubwa rwose.</p> <p><b>Nyiramanywa:</b> Have have sigaho! Gukuramo inda ntibyemewe kandi bihanwa n'amategeko y'u Rwanda.</p> <p><b>Uwamahoro:</b> Mfasha yewe wintererana kandi turi inshuti!</p> <p><b>Nyiramanywa:</b> Si ukwanga kugufasha erega, ariko kugirango hirindwe impfu ziterwa no gukuramo inda mu buryo bwatera ibyago, igihe wiyemeje gukuramo inda, ugana ibigo by'ubuvuzi bikagufasha hakurikijwe ibyo itegeko ry'u Rwanda riteganyanya.</p> <p><b>Uwamahoro:</b> Iryo tegeko se ryo riteganyanya ko ari ryari inda yakurwamo?</p> <p><b>Nyiramanywa:</b> 1° Kuba umuntu utwite ari umwana (Munsi yimyaka 18)</p> <p>2° Kuba usaba gukurirwamo inda yarakoreshejwe imibonano mpuzabitsina ku gahato;</p> <p><b>Uwamahoro:</b> Nibyo gusa se?</p> <p><b>Nyiramanywa:</b> Oya ndacyakomeza,</p> <p>3° Kuba usaba gukurirwamo inda</p>
--	--	--	---

			<p>yarayitwaye nyuma yo kubanishwa ku gahato n’undi nk’umugore n’umugabo;</p> <p>4.Kuba usaba gukurirwamo inda yarayitewe n’uwo bafitanye isano ya hafi kugera ku gisanira cya kabiri;</p> <p><b>Uwamahoro:</b> Yego,</p> <p><b>Nyiramanywa:</b> 5° No kuba inda ibangamiye ubuzima bw’utwite cyangwa ubw’umwana atwite. Umuntu wese uri mu byiciro byavuzwe ashobora gukuramo inda ariko inda ikurwamo igomba kuba itarengeje ibyumweru makumyabiri na bibiri 22.</p> <p><b>Uwamahoro:</b> Urakoze cyane rwose ndasobanukiwe, sinkiyikuyemo da, azamubyare niwe warwishigishiye.</p> <p><b>Nyiramanywa:</b> Wakoze cyane kuntegaga amatwi.</p>
<p><b>5. HIV infection, adolescent risks and consequences</b></p>	<p>Virusi itera sida yandurira mu mibonano mpuza bitsina idakingiyeyiyo ikoranwe n'umuntu wanduye cyangwa gukoresha ibikoresho bikomeretsa byakoreshejwe n'uwanduye.ku ngimbi n'abangavu uburyo bwiza bwo kwirinda virusi itera sida n'ukwifata ukirinda imibonano mpuzabitsina. mu gihe unaniwe kwifata ugakoresha</p>	<p>Abangavu n’ingimbi bafite ibyago byo kwandura virusi itera SIDA kubera imibonano mpuzabitsina ititeguwe cyangwa ku gahato.ihutire kwa muganga bitarenze iminsi 3</p>	<p><b>Mama:</b> Yemwe ba, nimwigire hino tunganire.</p> <p><b>Keza:</b> Yego mama, turaje!</p> <p><b>Kalisa:</b> Uyu muni se ugiye kutuganiriza kuki mama?</p> <p><b>Mama:</b> Bana bange rero, uyu muni turaganira ku buryo bwo kwirinda Virusi itera Sida.</p> <p><b>Keza:</b> Virusi itera Sida se yandura ite mama?</p> <p><b>Mama:</b> Virusi itera Sida yandurira mu mibonano mpuzabitsina</p>

	<p>agakingirizo.ugomba no kwirinda gusangira ibikoresho bikomeretsa numuntu uwari we wese. Abangavu n’ingimbi bafite ibyago byinshi byo kwandura virusi itera SIDA kuko akenshi bakoreshwa imibonano mpuzabitsina batabyiteguye cyangwa bagahohoterwa. Ni byiza ko urubyiruko rwitabira kwipimisha virusi itera SIDA kandi bakitabira gahunda zo kwivuzza mu gihe basanze baranduye.Kutitabira gahunda zo kwivuzza virusi itera sida bituma umuntu ubana nayo acika intege, akarwaragurika ndetse akaba yapfa imburagihe. Kugirango ingimbi n'abangavu banduye bitabire servisi zubuvuzi, ntibagira ipfunwe, bakishira mu kato bishobora gushyira ubuzima bwabo mu kaga no Kwirinda ikwirakwizwa ry'ubwandu bushya bwa virusi itera SIDA, Kwitabira gahunda yo kwipimisha kugirango bamenya aho bahagaze ni ngombwa. Kubasanze banduye ni byiza kwitabira servisi zubuvuzi kugirango ukurikiranwe ndetse uhabwe imiti igabanya ubukanana.</p>		<p>idakingiye iyo ikoranwe n'umuntu wanduye, cyangwa se mu gukoresha ibikoresho bikomeretsa byakoreshejwe n'uwanduye.  <b>Kalisa:</b> Ubwo se wayirinda ute?  <b>Mama:</b> Ku ngimbi n'abangavu nkamwe, uburyo bwiza bwo kwirinda Virusi itera Sida ni ukwifata mukirinda gukora imibonano mpuzabitsina.  <b>Keza:</b> Yego mama,  <b>Kalisa:</b> ubwo se kwifata bikunaniye?  <b>Mama:</b> Mu gihe unaniwe kwifata ni byiza gukoresha agakingirizo. Kugirango wirinde kandi ugomba kwirinda gusangira ibikoresho bikomeretsa n’umuntu uwari we wese.  <b>Keza:</b> None se mama, kuki ubitubwiye kandi tukiri bato?  <b>Mama:</b> Nuko abangavu n’ingimbi bafite ibyago byinshi byo kwandura virusi itera SIDA kuko akenshi bakoreshwa imibonano mpuzabitsina batabyiteguye cyangwa bagahohoterwa. Ndagirango rero mube mufite amakuru yose kandi yizewe.  <b>Kalisa:</b> Yego mama, komeza utubwire  <b>Mama:</b> Ni byiza ko urubyiruko rwitabira kwipimisha virusi itera SIDA kandi bakitabira gahunda zo</p>
--	---	--	---

			<p>kwivuza mu gihe basanze baranduye.</p> <p><b>Keza:</b> Kubera iki se kandi itajya ikira?</p> <p><b>Mama:</b> Kuko kutitabira gahunda zo kwivuza virusi itera Sida bituma umuntu ubana nayo acika intege, akarwaragurika ndetse akaba yapfa imburagihe.</p> <p><b>Kalisa:</b> Ubwo se ko urubwiruko tugira amasoni, abanduye ntibatinya kujya kwivuza koko?</p> <p><b>Mama:</b> Kugirango ingimbi n'abangavu banduye bitabire servisi zubuvuzi, ni byiza ko birinda kugira ipfunwe ngo bishyire mu kato kuko bishobora gushyira ubuzima bwabo mu kaga.</p> <p><b>Keza:</b> Turakumva,</p> <p><b>Mama:</b> Kwivuza kandi binafasha kwirinda ikwirakwizwa ry'ubwandu bushya bwa virusi itera SIDA, kuko uwanduye akurikiranywa ndetse agahabwa imiti igabanya ubukanana.</p> <p><b>Kalisa:</b> Ese burya nuko bigenda, ndasobanukiwe noneho.</p> <p><b>Keza:</b> Nange nuko! Mama urakoze!</p> <p><b>Mama:</b> Murakoze cyane wose bana bange, muzirinde Sida.</p>
<b>6. Gender</b>	Jenda ni itandukaniro hagati y'igitsina gabo nigitsina gore	Jenda ni itandukaniro hagati y'igitsina gabo n'igitsina gore ritari	<b>Karemera:</b> Ariko we, ko jya numva kenshi ijamba JENDA, bivuga iki?

	<p>ritari karemano ritangwa n'umuryango mugari, bishobora gushingira ku mahame, imyitwarire imiterere, imitekerereze cyangwa imibereho, kandi bihinduka bitewe nahantu nibihe.iri tandukaniro ritari karemano iyo rigendeweho mugutanga ishingano cyangwa amahirwe ku ngimbi n'abangavu bigira ingaruka ku mibanire bikaba byanateza amakimbirane mu miryango. Kumenya ko uretse itandukaniro karemano riri hagati y'igitsina gabo n'igitsina gore,ubundi baba ari bamwe bakwiye guhabwa inshingano cyangwa amahirwe mu buryo bumwe.Abahungu n'abakobwa bakarerwa kimwe nta busumbane batafanya inshingano zose</p>	<p>karemano ritangwa n'umuryango mugari, bigashingirwa ku mahame n'umuco w'abantu.</p>	<p><b>Feza:</b> Jenda ni itandukaniro hagati y'igitsina gabo n'igitsina gore ritari karemano ritangwa n'umuryango mugari.</p> <p><b>Karemera:</b> Ubwo se ritangwa hashingiwe kuki?</p> <p><b>Feza:</b> Bishobora gushingira ku mahame, imyitwarire imiterere, imitekerereze cyangwa imibereho, kandi bihinduka bitewe n'ahantu n'ibihe.</p> <p><b>Karemera:</b> Komezza ndakumva,</p> <p><b>Feza:</b> Iri tandukaniro ritari karemano iyo rigendeweho mu gutanga ishingano cyangwa amahirwe ku ngimbi n'abangavu bigira ingaruka ku mibanire bikaba byanateza amakimbirane mu miryango.</p> <p><b>Karemera:</b> None se ubundi bimaze iki?</p> <p><b>Feza:</b> Bifasha kumenya ko uretse itandukaniro karemano riri hagati y'igitsina gabo n'igitsina gore, ubundi baba ari bamwe, kandi bakwiye guhabwa inshingano cyangwa amahirwe mu buryo bumwe.</p> <p><b>Karemera:</b> Gute se ubwo?</p> <p><b>Feza:</b> Abahungu n'abakobwa bakarerwa kimwe nta busumbane kandi bagatafanya inshingano zose.</p> <p><b>Karemera:</b> Urakoze cyane</p>
--	---	--	--

			ndabisobanukiwe noneho byajyaga binyobera. <b>Feza:</b> Urakoze nawe!
7.GBV PREVENTION FOR ADOLESCENCE	Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni igikorwa icyo aricyo cyose gikorwa umuntu haba ku mubiri, ku mitekerereze, ku myanya ndagagitsina no ku mutungo kubera ko ari uw'igitsina gore cyangwa uw'igitsina gabo kigambiriye kumuvutsa uburenganzira bwe kandi kikamugiraho ingaruka mbi. mu buryo bwo kwirinda no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina Abangavu n'ingimbi bagomba gutinyuka kuganira hagati yabo kandi bakaganiriza ababyeyi n'abarezi babo ku ngamba zihamyeye zabarinda kugwa mu mutego w'abashaka kubashuka no kubahohotera kuko bibangiriza ubuzima n'imigambi yabo y'ejo hazaza kugirango ihohoterwa rishingiye gitsina rishobore gukumirwa kandi rigira ingaruka mbi	Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni igikorwa gikorwa umuntu w'igitsina gabo cyangwa gore kigambiriye kumuvutsa uburenganzira kandi kikamugiraho ingaruka mbi.	KAREKEZI:Komera cyane Daphro ! DAPHROSE:Komera Karo! KAREKEZI :Uzi ko nkubonye nagushakaga di ! DAPHROSE:Ni amahoro se ? KAREKEZI:Ni amahoro ,gusa hari icyo nagiraga ngo unsobanurire ! DAPHROSE:Mbaza rwose ninsaga mbizi ndagusobanurira. KAREKEZI:Maze iminsi numva ku maradiyo bavuga iby'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ariko sinsobanukirwe neza ibyo ari byo ! DAPHROSE :Ese ni byo ! Iyo bavuze ihohoterwa rishingiye ku gitsina reroo baba bashatse kuvuga igikorwa icyo aricyo cyose gikorwa umuntu haba ku mubiri, ku mitekerereze, ku myanya ndagagitsina no ku mutungo kubera ko ari uw'igitsina gore cyangwa uw'igitsina gabo kigambiriye kumuvutsa uburenganzira bwe kandi kikamugiraho ingaruka mbi.

			<p>KAREKEZI:Ubwo se hakorwa iki ngo turyirinde ?</p> <p>DAPHROSE: Mu buryo bwo kwirinda no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina Abangavu n’ingimbi bagomba gutinyuka kuganira hagati yabo kandi bakaganiriza ababyeyi n’abarezi babo ku ngamba zihamye zabarinda kugwa mu mutego w’abashaka kubashuka no kubahohotera kuko bibangiriza ubuzima n’imigambi yabo y’ejo hazaza kugira ngo hohoterwa rishingiye ku gitsina rishobore gukumirwa kandi rigira ingaruka mbi.(ntago byumvika neza)</p> <p>KAREKEZI:None se ubwo mu gihe nahohotewe cyangwa nkabona uhohoterwa nzakore iki ?</p> <p>DAPHROSE :Igihe cyose ukorewe ihohoterwa cyangwa ukaboma uwarikorewe, ihutire kubimenyesha abantu bakuru bari aho cyangwa abayobozi kugirango bagufashe. Ushobora kandi guhamagara umurongo utishyurwa 116</p> <p>KAREKEZI :Urakoze cyane ,ubu</p>
--	--	--	--

			nange ndaje ndwanye abakora ihohoterwa nivuye inyuma. DAPHROSE:urakoze nawe kwemera gutanga uwo musanzu.
8.POSITIVE MASCULINITY	<p>Imyitwarire myiza ya kigabo ni uburyo umugabo cyangwa umuhungu yerekana ibitekerezo n'imikorere iharanira guhesha agaciro mugenzi we w'umukobwa cyangwa umugore. • Umuhungu wese akwiye guharanira guhesha agaciro mugenzi we w'umukobwa, bagafatikanya imirimo yose yo mu rugo n'iyo ku ishuri, bakubahana kandi bakajya inama ku byabafasha gutera imbere bombi.</p> <p>• Umugabo n'umuhungu bagomba kugira uruhare mu guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'igitsinagore n'igitsinagabo kuko byihutisha iterambere ry'imiryango. Umugabo n'umuhungu bagomba kumenya bafite uruhare n'uburenganzira bingana n'iby'abagore n'abakobwa mu kubona amakuru no guhabwa serivisi zinoze z'ubuzima bw'imyororokere.</p>	<p>Imyitwarire myiza ya kigabo ni uburyo umugabo cyangwa umuhungu yerekana ibitekerezo n'imikorere iharanira guhesha agaciro mugenzi we w'umukobwa cyangwa umugore.</p>	<p><b>Nyiramwiza:</b>Komera phil <b>Philippe:</b>Komera cyane Nyiramwi <b>Nyiramwiza:</b>Uzi ko nkubonye nagushakaga ? <b>Phillippe:</b>Ni amahoro se ? <b>Nyiramwiza:</b>Ni amaho ,nagiraga ngo umfashe gusobanukirwa maze iminsi numva abantu bavuga ngo imyitwarire myiza ya kigabo ariko sinumve neza ibyo ari byo ! <b>Philippe:</b>Ehhh reka ngufashe rwose! Imyitwarire myiza ya kigabo ni uburyo umugabo cyangwa umuhungu yerekana ibitekerezo n'imikorere iharanira guhesha agaciro mugenzi we w'umukobwa cyangwa umugore. <b>Nyiramwiza:</b>Ubwo se ni nde ugomba kugira iyo myitwarire ? <b>Philippe:</b> Umuhungu wese akwiye guharanira guhesha agaciro mugenzi we w'umukobwa, bagafatikanya imirimo yose yo mu rugo n'iyo ku ishuri, bakubahana kandi bakajya inama ku byabafasha gutera imbere bombi,ikindi kandi Umugabo n'umuhungu bagomba kugira uruhare mu guteza imbere ihame</p>

			<p>ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'igitsinagore n'igitsinagabo kuko byihutisha iterambere ry'imiryango.</p> <p><b>Nyiramwiza</b> :Nguteze yombi rwose!</p> <p><b>Philippe</b>: Umugabo n'umuhungu bagomba kumenya ko bafite uruhare n'uburenganzira bingana n'iby'abagore n'abakobwa mu kubona amakuru no guhabwa serivisi zinoze z'ubuzima bw'imyororokere.</p> <p><b>Nyiramwiza</b>:Uzi ko ibyo byose nta na kimwe narinzi,urakoze cyane kunsobanurira!</p> <p><b>Philippe</b>:wakoze nawe kuntega amatwi!</p>
9.POSITIVE PARENTING	<p>Gutanga uburere bukwiye ni uburyo ababyeyi bombi bagombye kurera abana bafite mu nshingano babereka inzira nyayo y'imyitwarire ibategura kuzavamo abagabo n'abagore bazagirira umuryango n'igihugu akamaro. Ababyeyi bombi bagomba kumenya neza ko kubyara bigomba guherekezwa no kurera bikwiye umwana wese bafite mu nshingano. Ababyeyi bombi bakwiye kumenya no gusobanukirwa</p>	<p>Gutanga uburere bukwiye ni uburyo ababyeyi bombi barera abana babatoza kuzavamo abaturage basobanutse. Kubyara bigomba guherekezwa no kurera bikwiye.</p>	<p><b>Madalina</b>:komera ye!</p> <p><b>Speciose</b>:komera cyane !</p> <p><b>Madalina</b> :Amakuru yawe ko wabuze?</p> <p><b>Speciose</b>:Yewe,maze iminsi mpugiye muri gahanuda yo guha abana bange uburere bukwiye?</p> <p><b>Madalina</b>:Kagire inkuru,ubwo guha abana uburere bukwiye bikorwa bite ?</p> <p><b>Speciose</b>: Gutanga uburere bukwiye ni uburyo ababyeyi bombi bagombye kurera abana bafite mu</p>

	<p>uburenganzira bw'umwana bibanda kuri ibi bikurikira: kubaho no gukura, kuba mu muryango, kwitabwaho, guhabwa izina n'ubwenegihugu, kurindirwa umutekano, kwitekerezaho, gutanga ibitekerezo, kudakoreshwa imirimo ivunanye, guhitamo no kugira inshuti, gukina no kuruhuka, kuvuga ururimi rwe rwihariye n'ibindi....</p> <p>Gukangurira ababyeyi bose kubahiriza inshingano zo kurera abana bafite mu nshingano</p>		<p>nshingano babereka inzira nyayo y'imyitwarire ibategura kuzavamo abagabo n'abagore bazagirira umuryango n'igihugu akamaro.</p> <p><b>Madalina:</b>Ndagukurikiye rwose !</p> <p><b>Speciose:</b> Ababyeyi bombi bagomba kumenya neza ko kubyara bigomba guherekezwa no kurera bikwiye umwana wese bafite mu nshingano. Iki ndi kandi ababyeyi bombi bakwiye kumenya no gusobanukirwa uburenganzira bw'umwana bibanda kuri ibi bikurikira:</p> <p><b>Madalina :</b>Nk'ibihe ubwo ?</p> <p><b>Speciose:</b> uhuuu kubaho no gukura, kuba mu muryango, kwitabwaho, guhabwa izina n'ubwenegihugu, kurindirwa umutekano, kwitekerezaho, gutanga ibitekerezo, kudakoreshwa imirimo ivunanye, guhitamo no kugira inshuti, gukina no kuruhuka, kuvuga ururimi rwe rwihariye n'ibindi.... Gukangurira ababyeyi bose kubahiriza inshingano zo kurera abana bafite mu nshingano</p> <p><b>Madalina:</b>Yewe urakoze cyane pe ,ndumva mbisobanukiwe!</p>
10.TYPES OF CHILD RIGHTS	Uburenganzira bw'umwana ni uburenganzira bw'ikiremnamuntu bw'umwana ariko bufite	Uburenganzira bw'umwana bufite umwihariko wo kwitabwaho kwisumbuyeho ku bw'abakuru cyane cyane gutanga ibitekerezo,	<p><b>MAKUZA :</b>Komera cyane Kamili we !</p> <p><b>KAMILI :</b>Komera komera</p> <p><b>MAKUZA:</b>Ese ko muri iyi minsi</p>

	<p>umwihariko w'umutekano no kwitabwaho kwisumbuyeho ku bwo abantu bakuru. Umwana afite uburenganzira bwo:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Kuvukira no kurererwa mu muryango, no kwitabwaho n'abamurera</li> <li>• Guhabwa izina n'ubwenegihugu</li> <li>• Kurindirwa umutekano</li> <li>• Kurya indo yuzuye</li> <li>• Kujya kwiga</li> <li>• Kwiga kugira ubumenyi butandukanye</li> <li>• Guhitamo no kugira inshuti</li> <li>• Kwitekerezaho</li> <li>• Gutanga ibitekerezo no gutegwa amatwi</li> <li>• Kubaho no gukura</li> <li>• Ubufasha bwisumbuyeho igihe abukeneye (urugero: umwana ufite ubumuga)</li> <li>• Gufatwa neza na buri wese no kudahutazwa n' uwari we wese</li> <li>• Kudakoreshwa imirimo y'agahato</li> <li>• Kurindwa ibintu byose byamwangiza cyangwa byamukoremeretsa</li> <li>• Kwiga ibindi bintu akaba indashyikirwa mu buryo bwose ashoboye</li> <li>• Gukina no Kuruhuka</li> <li>• Kugira ubuzima bwite</li> </ul>	<p>gutegwa amatwi, guhitamo no kugira inshuti.</p>	<p>wabuze uhugiye mu biki ?</p> <p>KAMILI: Muri iyi minsi ndi mu mahugurwa ku burenganzira bw'umwana no kurwanya ihohoterwa rimukorerwa !</p> <p>MAKUZA: Kagire inkuru! uburenganzira bw'umwana bwo se kand byo i ni ibiki ?</p> <p>KAMILI: Uburenganzira bw'umwana ni uburenganzira bw'ikiremamuntu ariko bufite umwihariko w'umutekano no kwitabwaho kwisumbuyeho ku bwo abantu bakuru.</p> <p>MAKUZA: Ubwo burenganzira ubwo ni nk'ubuhe ?</p> <p>KAMILI: Umwana afite uburenganzira bwo:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Kuvukira no kurererwa mu muryango,</li> <li>• Guhabwa izina n'ubwenegihugu,</li> <li>• Kurindirwa umutekano,</li> <li>• Kurya indo yuzuye,</li> <li>• Kujya kwiga,</li> <li>• Kwiga kugira ubumenyi butandukanye,</li> <li>• Guhitamo no kugira inshuti,</li> <li>• Kwitekerezaho,</li> <li>• Gutanga ibitekerezo no</li> </ul>
--	---	--	---

	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Kuvuga ururimi rwawe rwihariye</li> <li>• Kugira abantu bakuru bakora ibyiza bikunejeje</li> </ul>		<p>gutegwa amatwi,</p> <p>KAREKEZI:Komezwa nguteza yombi !</p> <p>KAMILI:YEGO,umwana kandi afite uburenganzira bwo Kubaho no gukura,</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Guhabwa Ubufasha bwisumbuyeho igihe abukeneye (urugero: umwana ufite ubumuga),</li> <li>• Gufatwa neza na buri wese no kudahutazwa n’ uwari we wese,</li> <li>• Kudakoreshwa imirimo y’agahato,</li> <li>• Kurindwa ibintu byose byamwangiza cyangwa byamukoremeretsa,</li> <li>• Kwigira ibindi bintu akaba indashyikirwa mu buryo bwose ashoboye,</li> <li>• Gukina no Kuruhuka,</li> <li>• Kugira ubuzima bwite,</li> <li>• Kuvuga ururimi rwawe rwihariye ndetse (bishobotse hakoresha kuvuga ururimi rwe rwihariye )</li> <li>• Kugira abantu bakuru bakora ibyiza bikunejeje</li> </ul> <p>KAREKEZI:Ndabwumvise ,ariko se mu guhe mbinye mbinye</p>
--	---	--	---

			<p>umwana uhohoterwa nakiyambaza nde ?  <b>KAMILI</b> :Ubajijie ikibazo cyiza!          Mu gihe ubonye umwana ubuzwa uburenganzira bwe, ihutire kubimenyesha ubuyobozi bukwegere cyangwa inzego z'umutekano.          Ushobora no guhamagara umurongo utishyurwa 711 bakagufasha  <b>KAREKEZI</b>:Ndagushimiye cyane !  <b>KAMILI</b> :Urakoze nawe!</p>
11.ADOLESCENCE RIGT TO SRH	<ul style="list-style-type: none"> <li>Abangavu n'ingimbi bari hagati y'imyaka 10 -19 bafite uburenganzira bwo guhabwa amakuru yose y'ukuri ku buzima bwabo bw'imyororokere no gusobanurirwa impinduka zigaragara ku mibiri yabo. Si uburenganzira ariko bwo kwishora mu mibonano mpuzabitsina.</li> <li>Ubuzima bw'imyororokere ni uburenganzira kuko ntawemerewe kubuvutsa undi. Buri wese ashobora kubukoresha uko abishaka yifashishije amakuru afite. Ariko ni ukwibutsa ko "Uburenganzira bwanjye burangirira aho ubwa</li> </ul>	<p>Abangavu n'ingimbi bafite uburenganzira bwo guhabwa amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere yabo ariko ntibibe intandaro yo kwishora mu mibonano mpuzabitsina.</p>	<p><b>Theodore</b>:Komera cyane ,amakuru ki ?  <b>Claude</b>:Amakuru ni meza?  <b>Theodore</b>:Ariko maze iminsi numva abantu bavuga iby'uburenganzira bw'abangavu ariko sinsobanukirwe ,hari icyo wabindushaho ?  <b>Theodore</b> :eeh reka ngusobanuire, Abangavu n'ingimbi bari hagati y'imyaka 10 -19 bafite uburenganzira bwo guhabwa amakuru yose y'ukuri ku buzima bwabo bw'imyororokere no gusobanurirwa impinduka zigaragara ku mibiri yabo. Si uburenganzira ariko bwo kwishora mu mibonano mpuzabitsina.  <b>Claude</b>:uhuhuu ndakumva</p>

	<p>mugenzi wanjye butangirira”. Kugira uburenganzira ku makuru y’ubuzima bw’imyororokere si uburenganzira bwo gukora imibonano mpuzabitsina. Ababyeyi barasabwa guha abana babo amakuru, ndetse bakabagira inama ku birebana n’ubuzima bw’imyororokere mu rubyiruko hibandwa kuri izi ngingo:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Imyanya y’imyororokere y’abahungu n’abakobwa</li> <li>• Ibirebana n’imibonano mpuzabitsina n’ibyiciro by’imikurire y’ibitsina</li> <li>• Kwirinda inda ku ngimbi n’abangavu</li> <li>• Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, Virusi zitera kanseri y’inkondo y’umura, n’ubwandu bwa virusi itera SIDA n’indwara ya SIDA</li> <li>• Igitsina, jenda, kwirinda no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina</li> <li>• Gutwita no kubyara nta ngorane ku ngimbi n’abangavu: ingaruka n’icyakorwa byabaye</li> <li>• Imyitwarire ishora urubyiruko mu kaga</li> <li>• Inzoga n’ibiyobyabwenge</li> <li>• Ubujuanama mbere yo</li> </ul>		<p><b>Theodore:</b> Ubuzima bw’imyororokere ni uburenganzira kuko ntawemerewe kubuvutsa undi. Buri wese ashobora kubukoresha uko abishaka yifashishije amakuru afite. Ariko ni ukwibutsa ko “Uburenganzira bwanjye burangirira aho ubwa mugenzi wanjye butangirira”. Kugira uburenganzira ku makuru y’ubuzima bw’imyororokere si uburenganzira bwo gukora imibonano mpuzabitsina. Ababyeyi barasabwa guha abana babo amakuru, ndetse bakabagira inama ku birebana n’ubuzima bw’imyororokere mu rubyiruko hibandwa kuri izi ngingo <b>Claude:</b>Izihe ubwo ? <b>Theodore:</b> Imyanya y’imyororokere y’abahungu n’abakobwa</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Ibirebana n’imibonano mpuzabitsina n’ibyiciro by’imikurire y’ibitsina</li> <li>• Kwirinda inda ku ngimbi n’abangavu</li> <li>• Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, Virusi zitera kanseri y’inkondo y’umura, n’ubwandu bwa virusi itera SIDA n’indwara ya SIDA</li> <li>• Igitsina, jenda, kwirinda no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku</li> </ul>
--	---	--	--

	<p>gushyingirwa</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Ubufasha ku bakuyemo inda</li> <li>• Kwipimisha ku batwite</li> <li>• Kwigisha abantu ubumenyi bwo kwibeshaho neza .</li> </ul> <p>Ababyeyi n’abarezi muri rusange bafite inshingano zikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Kurera umwana</li> </ul> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Kumuganiriza</li> <li>• Kumubonera ibya ngombwa: indyo yuzuye, ishuri, ubuvuzi,...</li> <li>• Kumwubaha no kumurinda (uburenganzira)</li> <li>• Uburinganire n’ubwuzuzanye mu gutoza abana imico myiza</li> </ul>		<p>gitsina</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Gutwita no kubyara nta ngorane ku ngimbi n’abangavu: ingaruka n’icyakorwa byabaye</li> <li>• Imyitwarire ishora urubyiruko mu kaga</li> <li>• Inzoga n’ibiyobyabwenge</li> <li>• Ubujyanama mbere yo gushyingirwa</li> <li>• Ubufasha ku bakuyemo inda</li> <li>• Kwipimisha ku batwite</li> <li>• Kwigisha abantu ubumenyi bwo kwibeshaho neza .</li> </ul> <p><b>Claude:</b>None se ubwo muri ibyo hari inshingano zihariye zireba abayeyi n’abarezi ?</p> <p><b>Theodore:</b> Ababyeyi n’abarezi muri rusange bafite inshingano zikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Kurera umwana</li> <li>• Kumuganiriza</li> <li>• Kumubonera ibya ngombwa: indyo yuzuye, ishuri, ubuvuzi,...</li> <li>• Kumwubaha no kumurinda (uburenganzira)• Uburinganire n’ubwuzuzanye mu gutoza abana imico myiza</li> </ul>
12.HUMAN RIGHT	<p>Uburenganzira bwa muntu ni amahame mpuzamahanga ateganwa n'amategeko afasha kurinda abantu n'amatsinda y'abantu • Umuntu wese ni</p>	<p>Uburenganzira bwa muntu ni amahame ateganwa n'amategeko afasha kurinda abantu n'amatsinda yabo. Umuntu wese agomba kubahwa: abana, abakuru</p>	<p><b>Mariko:</b>Ariko rero maze iminsi mbyumva ariko simbisonanukirwe</p> <p><b>Madalina:</b>Ni ko ko wivugisha ni amahoro</p> <p><b>Mariko :</b>Yewe ni amahoro ariko</p>

	<p>uw'agaciro kandi ubuzima bwe ni ubwo kubahwa. Ariko nanone, kwiha agaciro ni ngombwa mu buzima kandi abantu bo mu byiciro byose barabikeneye harimo n'abana, abangavu, ingimbi, urubwiruko, abakuru n'abafite ubumuga butandukanye. Agaciro k'umuntu kagomba guharanirwa kuva agisamwa kandi buri wese agaharanira ko mugenzi we ahabwa agaciro n'uburenganzira nk'ubw'abandi batuye isi.</p> <p>Kwiha agaciro bitangirira mu muryango igihe umwana aganira n'ababyeyi be bakamusobanurira indangagaciro na kirazira bikwiye kuranga umuntu nyamuntu.</p> <p>Muri icyo kiganiro kandi, ababyeyi basobanurira umwana ubuhanga n'impano afite kugira ngo arushaho kwigirira icyizere no gukoresha neza izo mpano ze.</p> <p>Guha umuntu agaciro bijyana kandi no kumusobanurira ubuhanga afite ndetse n'intege nke afite, ariko ukabikora mu bwubahane, kandi bigamije kumwubaka.</p>	<p>n'abafite ubumuga.</p>	<p>maze iminsi numva kuri radiyo bavuga iby'uburenganzira bwa muntu ariko simenye neza ibyo ari byo !</p> <p><b>Madalina:</b>Ese ni byo !Reka ngusobanurire Uburenganzira bwa muntu ni amahame mpuzamahanga ateganywa n'amategeko afasha kurinda abantu n'amatsinda y'abantu • Umuntu wese ni uw'agaciro kandi ubuzima bwe ni ubwo kubahwa. Ariko nanone, kwiha agaciro ni ngombwa mu buzima kandi abantu bo mu byiciro byose barabikeneye harimo n'abana, abangavu, ingimbi, urubwiruko, abakuru n'abafite ubumuga butandukanye.</p> <p><b>Mariko :</b>Komezera umbwire nguteze yombi rwose!</p> <p><b>Madalina:</b> Agaciro k'umuntu kagomba guharanirwa kuva agisamwa kandi buri wese agaharanira ko mugenzi we ahabwa agaciro n'uburenganzira nk'ubw'abandi batuye isi. Kwiha agaciro bitangirira mu muryango igihe umwana aganira n'ababyeyi be bakamusobanurira indangagaciro na kirazira bikwiye kuranga umuntu nyamuntu.</p> <p><b>Mariko :</b>Ese ni byo ?</p> <p><b>Madalina:</b>Yego ariko</p>
--	--	---------------------------	---

			<p>ndacyakomeza, Muri icyo kiganiro kandi, ababyeyi basobanurira umwana ubuhanga n'impano afite kugira ngo arushaho kwigirira icyizere no gukoresha neza izo mpano ze.</p> <p>Guha umuntu agaciro bijyana kandi no kumusobanurira ubuhanga afite ndetse n'intege nke afite, ariko ukabikora mu bwubahane, kandi bigamije kumwubaka.</p> <p><b>Mariko:</b>Ndagushimiye cyane! <b>Madalina:</b>Nange ndagushimiye!</p>
--	--	--	--